# 411: Ai Data wo mw ijuru

1. Ai Data wo mw ijuru, Tur' abasaruzi, Ubakure muri twe Babone kugenda, Bavuge Yesu cyane Ko yaducunguye,Kw ari We Mana yacu Irokor' ab'isi.

2. Yaguherey' ubuntu;Jy'utangir' ubundi! Ibyo dufite byose Bikomok' ahw iri.
Twemeze cyane rwose, Mucunguzi wacu,Gutumwa nawe hose Mu bo wapfiriye.

3. Mukiza wacu Yesu, Utwuzuz' Umwuka, Mwami tukwigireho, Nkuko wagendaga.
Twe kub' abanyabute,dushishikarire Gukor' ibyo tubwirwa N'Iman' ihoraho.

4. Reb' igihugu cyacu, Uko barimbuka ! Ntubabazwa n' i wanyu, Akaga barimo ?
Satan' Umwami wabo Arabazitiye, Ashaka ko babana Mur'urya murimo.

5. induru ziravuze,Ubatabar' ubu ! N' ucogozwa n'iby'isi,Babwirwa na nde se? Tang'umubiri wawe N'ingingo n'ubwenge,Ubone gutabara Abo yapfiriye.

6. Urwanane na Yesu :Kweta bihebuje ! We kwitwaz' umufuka N'ibitabo gusa !
Gend' ubyawe n'lmana Ukijijwe rwose, Wuzuy' Umwuka Wera No kwizera na ko.

7. Ijwi ry'Umwami Yesu Rirakubwira ngo : Jya mu mahanga yose,Uvug' ibya Yesu,
Babyarw' ubwa kabiri.Yes' abarokore, Babatizwe n'amazi N'Umwuka Wera de.(Rwanda)

Visit us at burundi.indirimbo.com